Association pour le Progres
Social des Batwa ( A.PS.B.)
B.P.8 NYABISINDU.-

# IJAMBO LY'ABAGIZE A.P.S.B. MU ITANGWA LY'IMPAMYABUMENYI 1985/1986.-

Ba Militants na Ba Militantes..........

I Rwanda,urugo rugira umunsi,nibura umwe mu mwaka rwishimanaho n'abo rwishyikira bose. Urwacu rero rwahisemo uyu wa 28 Kanama,niwo rwishimano, rugahimbazaabarwo bose n'inshuti,abana bagahembwa;niwo rusubizano amaso inyuma, rukisuzuma,maze rukabona gufata imigambi irubonereye.

Guhitamo uyu munsi wa 28 Kanama,bifite impamvu nyayo:Ni umunsi Kiliziya yashyizeho wo kwibuka Umutagatifu w'ikirangilire,Mutagatifu Augusitini. Uwo mutagatifu akaba ali we Umubikira witangiye ururugo yisunze. Umunsi mwiza Mama Augusitini...Komeza urukundo rwa Kristu werekanye,ramba mu Batishoboye witangiye,ishimane n'abawe maze uhimbarwe hamwe na Bazina Mutagatifu wawe. Ba Augusitini mwese ...Umunsi mwiza...

Turashimira Imana yaduhaye Umulyango wa Benebikira bo batahwemye kandi na n'ubu badahwema kuturwanira ishyaka ku nkunga nini batera A.P.S.B. bo baduhitiye mo Umuyobozi,bakamuduha bamuziho ubushobozi n'ubwitange bwinshi, bakemera kumwigomwa mu yindi milimo umulyango wali umukeneyemo. Turashimira cyane Leta y'U Rwanda yadufashije ku bulyo bwinshi, yo itibagiwe ko Abatishoboye na bo ali abayo,ikabatunga inabaha ubulyo bwo gushobora kuzitunga. Turashimira Abagize A.P.S.B.,bitanze bitangaje,Mama Augusitini abarangaje imbere,bagize ubwiyumanganye bukomeye muli byinshi byashoboraga kubaca intege: Ntibagamburuye ku mugambi biyemeje.Hali abaraye amajoro atagira agatotsi! Hali abashotse akabande baburaye! Hali ababumbye amatafali batizeye ikilibubatunge!...mbese balitanze muli iyo nkundura rusange yo kwikura ahabi.

Uyu munsi kandi hali abana 14 bahabwa IMPAMYABUMENYI y'imyaka 3 bamaze bigishwa imyuga y'Ububaji n'Ubwubatsi. Bukaba bubaye ubwa 3 ilyo shimwe litangirwa hano na Ministeri ya Jeunesse na Mouvement Coopératif. Rero abana bacu bageze kuli iyo ntera babaye 65.

Imishinga ya Intégration muli A.P.S.B. yarakomeje n'ubwo ingorane nazo zali nyinshi:

1) UBUREZI:
- Ecole Gardienne: Guhera muli 1976 lyakira abana bo mu kigero cy'imyaka 4-5-6,likabategulira gutangira neza Ecole Primaire. Lirimo abana 300 bigishwa n'abalimikazi 4;
- Ecole Artisanale:Lyashyiliweho abatishoboye kandi batagize amahirwe yo kwakirwa mu mashuli yisumbuye;Lirigwamo n'abana 70 bigishwa n'Abalimu 2. Ubu abalirangije,bamwe bakora mu mishinga yacu,abandi mu bigo bya Lata no mu byigenga. Hateganijwe kandi kizalyongeraho n'umwanya w'abakobwa no gufasha abalirangije gushinga za Coopératives;
- Ecole Primaire: Abali muli urwo rwego,bafashwa kuli byose kandi n'imikorere yabo igakulikirwa;
- Ecole Secondaire:Mu kigwi cy'ababyeyi,A.P.S.B. yishingira umwana kuli byose (minerval,icumbi,ibilibwa,imyambaro,déplacements....) . Dufite abana 10 bali mu mashuli yigenga;
- Centre Nutritionnel:Ni Ikigo Mboneza milire kitashyiliweho kubangamira icyo ku bitaro by'i Nyanza,kigamije guhugura Abatishoboye bo mu Batwa n'abo mu yandi moko muli contexte ibaboneye kandi iboneye intégration A.P.S.B. yifuza. Ubu gifite ababyeyi 600. Icyo kigo kandi kilizera cyane inkunga y'i Bitaro by'i Nyanza;
- Alphabétisation: Ubu A.P.S.B. yifashisha Umukateshisti mu kwigisha abantu bayo 120 biyandikishije.

2) DEVELOPPEMENT:
- Habitat: Yali yaradindiye. Ubundi ufite isambu yubakirwa iwe,utayigira,atura mu ya A.P.S.B. mu gihe ataliyibonera iye cyangwa ngo Association iyimubonere maze abe ali ho yubakirwa. Aha tulizera cyane inkunga ya Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ingufu.
- Briqueterie: Abanyamulyango babumba amatafali,agatwikwa,amwa akubakishwa amazu yabo andi akagulishwa bakiboneramo iginembo.
- Atelier de Menuiserie: Iha abacu imilimo,abiga bahakorera amasomo y'imyitozo,yakira commandes izo ali zo zose,inyungu yayo ikavamo iginembo,n'ibindi bigomba kulihwa.
- Ubuhinzi-Bworozi: Bwitaweho,ubwa kijyambere no korora amatungo magufi. Hali n'inyigishozitangwa zo kumenya gucunga neza umusarruro.

3) ACTIVITES CULTURELLES ET SPORTIVES:
- Animations zahawe umwanya ukomeye muli cellule UMUGAMBI ku bulyo tugira umwanya mwiza mu marushanwa;
- Umuganda ukorwa ku bulyo buhuje n'amabwiliza kandi hagakorwa raporo;
- Inama za cellule zikorerwa igihe kandi neza.

4)IMIGAMBI:
A.P.S.B. irangamiye kuzashobora kwitunga ubwayo,niba inkunga ikeneye kandi yateganijwe iyiboneye igihe,izagura imishinga yayo yose,ininosore imikorere, isubize Benebikira ibyabo bayitije,ishyireho za Coopératives z'abashyikiliye umwuga mu bubaji,mu bwubatsi no mu buhinzi-bworozi;

5) ICYIHUTIRWA:
Uyu munsi wa none turasaba inzego z'Ubutegetsi n'abandi bagira neza kudutabara ngo twubakire abatishoboye bagiye kunyagilirwa ku gasozi kandi i runande rwacu.

MURAKOZE.

Harakabaho Repubulika y'U Rwanda
" Umukuru w'Igihugu cyacu
" M.R.N.D. na Perezida fondateri wayo
" Ba Militanats na Ba Militantes
" Ubumwe n'Amahoro dukesha Umukuru wa M.R.N.D.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=